Our Health
Our Future

Ref: RSSB/11/20.

ITANGAZO

Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda (**RSSB**) burashimira Abanyamuryango ba **mituweli** bamaze gutanga umusanzu wa Mituweli wa 2020-2021. Buboneyeho kandi umwanya wo gushishikariza ingo zitarishyura umusanzu usabwa ko zakwihutira kwishyura kuko iyo urugo rumaze kwishyura umusanzu usabwa ruhita rugira uburenganzira ku bikorwa by'ubuvuzi.

Buributsa by'umwihariko abishyuye nibura 75% by'umusanzu usabwa, ko bakwihutira kwishyura asigaye kuko abazaba batararangiza kwishyura umusanzu wose batazemererwa kwivuriza kuri mituweli guhera tariki ya **01/01/2021.**

RSSB yongeye kandi kumenyesha abanyamuryango bayo ko kwishyura mituweli hifashishwa ikoranabuhanga binyuze mu buryo bukurikira:

- Telefoni igendanwa: kanda *909# ubundi ukurikize amabwiriza, urahabwa nimero (code) yo kwishyuriraho, wishyure ukoresheje MTN mobile money cyangwa Airtel money;
- Imirenge SACCO yose;
- Abahagarariye Irembo ("Agents") baherereye mu gihugu hose;
- Abahagarariye MOBICASH ("Agents") baherereye mu gihugu hose.

Bikorewe i Kigali ku wa 02/12/2020

Regis HITIMANA, PhD
Umuyobozi Mukuru wungirije ushinzwe ibigenerwa abishingizi

Plot 1003 Ubumwe Cell, African Union Boulevard, • Kiyovu, Nyarugenge • P.O Box 250/6655, Kigali
Tel: +250788151000/ +250220171000 • Toll Free line: 4044 • E-mail: info@rssb.rw • Web: www.rssb.rw